

# Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi



## UBUHINZI BW'UMUCERI







| GUFUMBIRA | IBIPIMO BY'IFUMBIRE | IKORESHWA RYARI ? | IKORESHWA GUTE ? |
|---|---|---|---|
| Ifumbire y'imborera | Rekera ibisigazwa by'umusaruro mu murima | Ku isarura | Bitabe wongeye kurima |
| | Koresha ibilo 100 kuri Ari = udutebo 4 twuzuye ifumbire y'imborera cg ingorofani 2 | Mu murima wumutse, mbere yo gusanza itaka | Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza |
| Ifumbire mvaruganda fatizo | Ibilo bibiri (2) bya NPK 17-17-17 | Mu gutegura urusukume ruzaterwamo umuceri mu minsi 2 ikurikiye | Yinyanyagize mu murima uhite utegura urusukume ruzaterwamo |
| Ifumbire mvaruganda mbaturamusaruro | Inusu ya IRE (urée) kuri Ari 1 | Bakimara kubagara bwa mbere | Kuyinyanyagiza mu murima n'intoki |
| | Inusu ya IRE (urée) kuri Ari 1 | Umuceri utangiye guhaka (gutwita) | Kuyinyanyagiza mu murima n'intoki |

*Ari 1 = m 10 x m 10*

IFDC CATALIST

***<u>Icyitonderwa</u>. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 20 hagati y'imirongo na cm 20 hagati y'ingemwe zivuye muri pepiniyeri.***

# Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

## INDWARA Z'IBANZE N'IBYONNYI

| INDWARA | IBIZIRANGA | UKO BAZIRINDA | UKO BAZIVURA | IBIPIMO BIKORESHWA |
|---|---|---|---|---|
| Pirikilariyozi/Uburima |   | - Koresha imbuto z'indobanure ;<br>- Iirinde Azoti nyinshi mu murima ;<br>- Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica uduhumyo;<br>- Ubahiriza igerambuto ritegaywa. | Umuti wica uduhumyo : Kitazine<br>*cyangwa*<br>Umuti wica uduhumyo : Beyamu (Beam)<br>*cyangwa*<br>Umuti wica uduhumyo : Benilate (Benlate) | Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1<br>Vanga garama 30 z'umuti muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1<br>Vanga garama 30 z'umuti muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1 |
| Nkongwa |  | Tema ibyatsi n'ibihuru biri hafi y'umurima | Umuti wica udukoko : Dimetowate (Diméthoate) | Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1 |
| Kubora k'umunigo |  | - Koresha imbuto z'indobanure ;<br>- Hungira imbuto mbere yo gutera ukoresheje umuti wica uduhumyo ;[1]<br>- Ubahiriza igerambuto riteganywa. | Umuti wica uduhumyo : Kitazine<br>*cyangwa*<br>Umuti wica uduhumyo : Beyamu (Beam)<br>*cyangwa*<br>Umuti wica uduhumyo : Benilate (Benlate) | Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1<br>Vangagarama 30 z'umuti muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1<br>Vangagarama 30 z'umuti muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1 |
| Isazi y'umuceri |  | Tema ibyatsi n'ibihuru biri hafi y'umurima | Umuti wica udukoko : Dimetowate (Diméthoate) | Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 15 z'amazi, utere Ari 1 |

***Are 1 = m 10 x m 10***

IFDC CATALIST

[1] ***<u>Icyitonderwa</u> : Imbuto y'umuceri yinikwa mu muti wica ubuhumyo (garama 2 za Benilate (Benlate) ku kilo cy'imbuto cyangwa garama 2,5 za Tirame (Thirame) ku kilo cy'imbuto. Imaramo amasaha 24 mbere yo guterwa muri pepiniyeri.***